



Rwanda Community Abroad Poland (RCA - Poland)
Integration

Frequently Asked Questions (FAQ)

UMUNTU AGEZE POLAND NIKI AKENEYE KUMENYA ?

POLAND IBA HEHE?

Ni Polonye mu Kinyarwanda, Poland mu cyongereza cg Pologne mu gifaransa, ni igihugu kikiri gishya mu bihugu bigize Ubumwe bw'Uburayi. Iherereye mu Burayi bwo hagati ikaba ihana imbibi n'Ubudage, Repuburika ya Ceke, Slovakiya, Ukraine, Biyelarusi, Uburusiya na Lituwaniya. Ni igihugu cyahoze mu Bumwe bw'Abasoviyete, kikaba ari igihugu cyanyuze mu mateka akomeye arimo intambara zikaze no kwigarurirwa na bimwe mu bihugu bituranye, ariko kubera urukundo no gufashanya hagati y'abanyagihugu ibyo bibazo bashoboye kubyikuramo.

AMBASADE Y'U RWANDA MURI POLAND:

Muri Poland Kimwe n'ibindi bihugu bitandukanye ku isi u Rwanda nk'igihugu gishyira imbere gushakira abanyarwanda ibisubizo n'inzira igana ku iterambere rwahaye abanyarwanda batuye muri Poland ku nshuro ya mbere ambasade aho ruhagarariwe na Nyakubahwa. Prof. SHYAKA Anastase, ndetse ikaba ikorera mu mugi rwagati muri Warsaw. Karwińska 21, 02-639 Warszawa Ikaba itanga serivise zose umunyarwanda yakenera mu gihe yaba ari mu mahanga. Ushobora gusura urubuga rwayo kuri; <https://www.rwandainpoland.gov.rw/>

2 |

UMURYANGO NYARWANDA UTUYE MURI POLAND

(RCA; Rwanda Community Abroad)

Muri Poland abanyarwanda bahatuye bibumbiye mucyo bita umuryango nyarwanda (RCA), nubwo abahatuye baba barazanywe n'impamvu zitandukanye ndetse batuye mu mugi itandunye, bahisemo ko umunyarwanda atabaho wenyine cyangwa ngo yigunge ahubwo baturira muri iri huriro, aho muri buri mugi urimo nibura abanyarwanda barenga icumi haba hari umuyobozi ubahagarariye, akitwa (Regional leader), imiyoborere ishingiyeye ku guhana amakuru ku mibereho n'ubuzima benshi basangiye yatumye iyi RCA ishyiraaho abayobozi guhera kuri Chairman, Deputy Chairman, Commissioner of Gender, Commissioner in charge of youth and culture, Commissioner in charge of Investment and business, Commissioner in charge of skills, Innovation and knowledge transfer, commissioner in charge of mobilisation, ndetse na Secretary. Aba bagize komite nyobozi biyongeraho abayobozi bahagarariye imigi yose ndetse biteganyijwe ko vuba hazajyaho abayobozi b'isibo (umudugudu).

FAQ

1. GUHAHA NO GUTEGA BUS:

I. GUHAHA: Nk'ibisanzwe

umuntu ugeze mu gihugu gishya yibaza uko yabona icyo kurya kunywa ndetse n'uburyo bwo gukora ingendo, uti; “bahaha gute muri Poland”.

Muri iki gihugu haba amasoko ndetse n'ahantu hatandukanye ho guhahira, ubwo kandi niko nibiciro bitandukana. Mbese ni nko guhahira muri SIMBA SUPER MARKET undi agahahira kwa Mutangana. Ushobora guhahira muri ŻABKA (Jabka) iyi ni supermarket nto iba muri metero nkeya uvuye iwawe gusa igira ibintu bike, ariko iyo ushaka guhaha ibintu byinshi kandi bitandukanye warebera muri Biedronka, Carrefour, LIDL, Auchan Supermarket n'ahandi henshi nikimwe n'ama resitora muburyo bworoshye, ujya muri google map ukandikamo icyo ushaka kugura uhita ubona aho wakigura hafi yawe.

Isoko rihendutse ryo guhahiramo ku buryo buzwi na bose ni Makro ndetse na AUCHAN gusa abenshi bakunda BIEDRONKA (Biedronka ubundi mu Gipolonye bisobanura agasimba gato gafite utudomo wasanga ku kimenyetso kiryo soko) urebye riba ahantu henshi hatandukanye.

Andi akurikiraho mu guhenduka ni LIDL na KAUFELD, andi twavuga ko ari amasoko ahenze, ŻABKA nubwo iba henshi cyane ariko ni ngombwa kumenya ko ihenda cyane, iri mu rwego rw'udusoko duto turi hafi y'urugo ariko duhenze umuntu ahahiramo utuntu ducye kandi nk'igihe byihutirwa cyangwa se igihe andi masoko afunze.

II. GUTEGA: (gukora ingendo):

Habaho uburyo bwinshi bwo gutega turebye wenda ku muntu ushaka gutembera mu mugabo aba yifashisha ama Bus, Metro, na Train. Ushobora kumenya aho uyifatira wifashishije Google Map cyangwa application yitwa “JAKDOJADE” aho byose bisaba kwinjiramo wabanje kugura itike. Ushobora kugura itike y' iminota runaka, iy'umunsi, iy'ukwezi ndetse namezi atatu, amatike agurwa hifashishijwe imashini zabugenewe ziba ziri hafi yaho bategera uzazibona ziba zimeze nk'izo bafatiraho amafaranga (ATM Machine) cyangwa ukayigura muri Bus, Tram. Kuri iyi application “JAKDOJADE” kandi wanaguriraho ticket. Ahandi wagura ticket ni kuri za biro cg kiyoski z'urwego rushinzwe ugutwara abagenzi rwita ZTM.

Habaho kandi ingendo zihuza indi migi, imitoya n'iminini. Aha ushobora kugura itike yerekeza cyangwa iva mu mugabo ujya mu wundi, aho itike ushobora kuyigurira kuri murandasi cyangwa ukayigurira kuri train station aho twakwita nko muri gare (I remera, Nyabugogo). Site nziza yo kuguriraho itike zijya mu migi itandukanye ni: [Wyszukiwarka polaczenie kolejowych \(rozklad-pkp.pl\)](http://Wyszukiwarka.polaczenie.kolejowych.rozklad-pkp.pl).

Igihe waviriyemo ku kibuga cy'indege cya Varsoviya Chopin (**Warsaw Chopin**) , hari za bus numero 175, 148, 331 na N32 ndetse hari na Train byagufasha mu rugendo. Application jakdojade ikwerekana aho uri cyangwa ugashyiramo adresse yaho noneho ugashyiramo na adresse yaho ugiye, bikakwerekana bus wafata cyangwa se niba ufata train.

Ibindi byingezi twamenya;

Gutega bus ni ngombwa ko umenya niba uri kuri station isanzwe cyangwa se iyo bita station on request. Iyi station on request mu gipolonye bayita przystanek na ządanie(soma pushesitanek na jodaniye).e Uti bitaniye hehe?

Station isanzwe bus ihahagarara igihe cyose, naho pushesitanek na jodaniye yo ugomba kuzamura akaboko kugira ngo uyitege cg se iyo urimo imbere ushaka ko ihagarara nugera aho ugiye ugomba gukanda kuri bouton ziba zirimo imbere ku nkingi cg ku miryango ya bus. Iyo utabikoze iragusiga cyangwa se ikakurenza kuri station ugiyeho. Kuri station numero ya bus irahagera ifite pushesitanek na jodaniye biba bihanditse, iyo urimo imbere harimo amajwi agenda abivuga, ariko ni byiza ko wowe uba ubizi kuko hari igihe amajwi aba atari gukora cg se akavuga yibeshya.

Bus ya nijoro.

Bus ya nijoro irangwa ninyuti nini N. Ni ngombwa ko aho ugiye gutura unareba ko hagera bus ya nijoro. Bus za nijoro zigenda gakeya cyane kandi hari ama quartier atazigira. Akenshi izi bus za nijoro ziba zikoresha “pushesitanek na jodaniye”.

Ku byerekeye gutega **Tax Voiture** twakugira inama yo kutazigera uyitega ngo kuko uyibonye iguciyeho cyangwa ubonye iparitse ahantu runaka kuko ziba zihenze ahubwo bisaba kuba ufite application muri telephone yawe (Bolt, Uber) n'izindi.

2. KWIGA URURIMI; Nk'umuntu ugeze mu gihugu gishya, kimwe mu bintu byamufasha kumenyera ndetse no kworoherwa n'ubuzima bushya aba agiyemo, turamushishikariza kwiga ururimi rukoresha hano muri

Polonye, cyane ko ari rwo rukoresha mu nzego zose zitandukanye ndetse no mu buzima busanzwe bwa hano. Ubaye uzi Igipolonye ushobora kubona akazi byoroshye, serivise z'ubuvuzi, guhaha, ibijyanye n'amategeko, n'ibindi.

Wakwiga gute ururimi :

- Muri buri kaminuza habamo amasomo yigisha ururimi rw'Igipolonye kandi kurwiga ni ubuntu na cyane ko biba biri muri porogame y'ikigo.
- Hano muri Poland hari amashuri yigisha Igipolonye urugero:
 1. Somalia Foundation
Phone numer: +48 22 658 04 87
Email: biuro@fds.org.pl
 2. Ocalenie Foundation
Phone Number: +48228280450
Email: polski@ocalenie.org.pl,
 3. Learn Polish in Warsaw, Praga Płd Public Library
Email address: obcojezyczna@bppragapd.pl
 4. Migrant Centre FU SHENFU
Email address: osrodek@migrant.pl
 5. Foreign Language Teaching Foundation LINGUAE MUNDI
Email address: sekretariat@linguaemundi.pl
- Hari ibigo byigenga ndetse n'amashuri yigisha ururimi mu buryo buri professional, urugero
 1. SV School Language Center
Phone number: +48733340181
Email address: contact@svschool.pl
 2. Dialogue Club
Mobile: Phone Number: +48664788004
Website: www.klubdialogu.pl
Email address: info@klubdialogu.pl
 3. School of Foreign languages TFLS
Phone number +48 793 830 400
Email address: biuro@tfls.com.pl

3. NI IBIHE BYANGOMBWA BIKENEWE BYI IBANZE.

- **Nimero ya telefone** (Telephone number):

Iyi ushobora kuyibona ukigera ku kibuga k'indege. Usabwa kwerekana Passport yawe gusa ugahabwa SIM card ya Company PLAY, ORANGE, T-MOBILE...). Biba byiza ko mu minsi izakurikiraho wareba uko ufata amasezerano (contract) nimwe muri izi company twavuze haruguru, kuko biguhendukira mu gukoresha internet no guhamagara. (Aha ni ngombwa kugenda ubaza imwe imwe, ukumva uko ibiciro bihagaze bitewe na service ushaka, kuko birenzeho hari uburyo aya ma company atanga amasezerano arimo na telefone nshya, ku bafite televiziyo agacuruza n'ama chanel atandukanye).

Mu gihe utarabona amasezerano, ibyiza ku banyamahanga ni ukugira SIM Card ya LYCAMOBILE, kuko guhamagara ku yindi LYCAMOBILE ni ubuntu kandi no guhamagara hanze ya Pologne bigahenduka. Iyi LYCAMOBILE igira uburyo hakoreshejwe internet bwo gufata ifatabuguzi, nabyo ugasanga bifasha cyane.

- **Nimero PESEL** (PESEL Number):

Iyi twayifata nka nimero ikuranga kuko ibika amakuru yawe yose ku buryo bitoroshye ko wasaba akazi akariko kose utayifite, uyisaba ari uko ufite contaro yaho utuye (contract y'inzu) na passport yawe ukayisaba aho twakwita nko ku murenge (Inhabitant Service Centres) waho utuye kandi ni itegeko kuyitunga ku muntu uzamara iminsi irenze 30 ku butaka bwa Polonye. Uyisaba mbere yuko umara iminsi ine uhageze.

- **Karta pobytu** (Residence Card);

Iyi ni ikarita isimbura Visa ikenerwa na buri muntu wese utuye muri Polonye ukaba

ugomba kuyisaba nibura habura amezi abiri mbere yuko VISA yawe irangira. Ushobora kuyisaba wifashishije umunyamategeko (lawyer) cg ukabyikorera.

- **Amasezerano y'inzu** (Rental contract):

Ukimara kubona aho uba ni ingenzi cyane kwaka uwaguhaye inzu yo kubamo ko aguha amasezerano kuko uba uzayasabwa ahantu hatandukanye muri serivisi zitandunye. Ingero: ku kazi, gusaba PESEL, gusaba Residence Card, n'ibindi.

- **Zameldowanie:**

Ibi twabigereranya no kwiyanzura. Birakenerwa cyane mu gihe cyo gusaba nimero PESEL cg Residence Card, ndetse hari n'izindi service babisaba. Ibi nabyo bikorerwa aho twakwita nko ku murenge waho utuye, baguha icyangombwa kitwa **Meldunek** kerekana aho utuye. Mu kugisaba witwaza amasezerano y'inzu n'ibyangombwa bikuranga.

4. NIMERO Y'INTABAZA.

Nimero y'intabaza mu Gipolonye bita **numer alarmowy** muri rusange ni **112**. Iyi nimero ikoreshwa mu guhamagara kuri service zose zitanga ubufasha bwihutirwa kandi ku buntu, bitewe n'ikibazo uhuye nacyo, arizo Police (Policja), Abazimywa umuriro (Straż pożarna) cg Imbangukira gutabara (Ambulans). Iyo uhamagaye kuri iyi numero usobanura ikibazo ufite noneho bakaguhuza na service bireba.

Ubusanzwe numero yo guhamagara Police ni **997**, Abazimywa umuriro ikaba **998** naho Imbangukira gutabara ni **999**, ariko iyo wahamagaye kuri **112**, nkuko nabivuze nibo baguhuza nizi service, si ngombwa ko wongera guhamagara bwa kabiri.

5. UBURYO BWO KWIVUZA.

“Umubiri ubyara udahatse”. Igihe cyose ushobora gufatwa n’uburwayi kandi ugakenera kwivuza.

Ni gute nakwivuza?

Mbere na mbere ni ngombwa no gusobanukirwa uko systeme y’ubuvuzi iteye muri Polonye ikaba igabanyijemo ibice bibiri by’ingenzi.

a) Ubuvuzi bwa leta bita muri rusange bwa NFZ

Ubuwuzi bwa leta bugizwe n’ibigo nderabuzima bya leta mu gipolonye bita **przychodnie publiczne**(pushehodiniye pubulicine) ndetse hakabaho n’ibitaro nabyo bya leta mu gipolonye szpitale publiczne(ibitaro bya leta)

Buri hantu umuntu atuye haba hari ikigo nderabuzima cya leta kihagenewe ndetse n’ibitaro. Ni ngombwa ko umuntu aba ahamenya.

Umuntu wese ufite akazi gafite kontaro, aba afite n’ubwo bwishingizi bwa leta(NFZ) kuri biriya bigo twavuze, kuhivuriza ni ubuntu. Keretse imiti niyo umuntu yigurira ku buntu. Hari imiti ishobora guhenduka bitewe n’uburwayi umuntu afite ariko icyo gihe ni Dogiteri ubyangira kuri ordonnance bakaguka make muri pharmacie. Bayita imiti iri refunded na leta.

Hari utuzi tumwe na tumwe dutanga inyongera y’ubwishingizi tunagurira ubwishingizi bwigenga abakozi babo, biba ari byiza, icyo gihe uba ushobora guhitamo aho wivuriza. Ubwishingizi bwa leta bufite akamaro cyane, cyane cyane iyo umuntu agize nk’ikibazo cyamujyana mu bitaro, kuko kuba mu bitaro ari ubuntu. Mu bitaro umuntu aravurwa kandi akagaburirwa ku buntu, yewe haba no kubagwa ku buntu.

Keretse ku ndwara zimwe na zimwe ariko zikomeye cyane.

b) Ubuvuzi bwigenga

Ubuwuzi bwigenga ni ingirakamaro cyane muri Polonye, kuko akenshi usanga butanga service nziza. Ku banyamahanga nabyo biba akarusho kuko ho biba byoroshye no kubona abaganga bakoresha icyongereza. Nubwo waba ufite akazi kakwemerera ubwishingizi bwa leta, mu gihe akazi kawe katagufatiye ubuvuzi bwigenga, iyo ubushobozi bwawe bubikwemerera biba byiza nuko nawe wabwifatira, kuko hano muri Polonye mu byo kwivuza biba byiza gukoresha hose. Hari service usanga aha, hariya ukaba wayibura, cg se wabura rendez vous(apointment) aha ukayibona hariya, hari n’igihe usanga abaganga bavuguruzanya bikagusaba gushishoza bitewe nuko uburwayi bwawe bumeze.

Mu buvuzi bwigenga ni ngombwa kumenya ibi bikurikira:

b.1 Amavuriro n’ibitaro byigenga.

Azwi cyane muri Polonye ni LUX MED na MEDICOVER kandi yombi akagira n’ibitaro.

Twavuga kandi Medical Center DAMIANA, MD Clinic, hari ahantu henshi kandi usanga handitse STOMATOLOGIA ni ukuvuga ko hari umuganga w’amenyo, hari nizindi health Centers nyinshi bisaba gushakira kuri murandasi.

Ugereranije usanga LUX MED ifite akarusho kuri zose kuko ifite ama health centers menshi.

b.2 Amavuriro yigenga kandi wanasangamo ubuvuzi bwa leta NFZ

Hari amavuriro yigenga wasangamo kandi ubuvuzi bwa NFZ. Ni ukuvuga ko wahivuriza kuko ufite ubwishingizi bwa leta nubwo ari ivuriro ryigenda. Twatanga urugero nk'iriyitwa ETER-MED.

b.3 Gufata abonnement (Subscription to Medical Package).

Muri ubu buvuzi bwigenga biba byiza iyo ufashe abonnement. Mbese twayigereranya na mutuelle ariko yigenda. Ni ukuvuga ngo aho kugira ngo ujye kwa Dr wishyure buri visite, wishyurira rimwe buri kwezi, ugafata tuvuge abonnement y'umwaka. Icyo gihe ku kwezi wishyura make kandi ukaba wabona abaganga batandukanye kandi binzobere utagombye kwishyura umwe umwe. Urugero muganga w'amaso, muganga w'amenyo, muganga w'abagore(gynecologue) nkigihe wavunitse cg se ukeneye kugororerwa ingingo, n'ibindi...

b.4 Ubwishingizi bwo kwivuza(Medical insurance)

Ubu bwishingizi bukoreshwa cyane n'Abanyamahanga mu gihe cyo gusaba Residence Card cg visa kuko muri dosiye yo kubisaba bagusaba gufata ubwishingizi urugero bwakwishyura kugera ku 30.000 by'Amahero(Euros).

Ubu bwishingizi kandi umuntu ubishaka wese ashobora kubufata mu kwishingira indwara zimwe na zimwe zikomeye ziba zihenze cyane kuvura cya se operation zo kubagwa ziba zitishyurwa na NFZ cg zitari muri abonnement twavuze haruguru.

Icyo gihe ugura icyo bita police d'assurance mu gihe runaka kandi bikerekana indwara izarizo cg operation bazishingira

ndetse n'igero cy'amafranga bashobora ku kwishyurira. Ingero zabwo : PZU,VIENNA, POLISARIUM, MEDICOVER, LUX MED, n'izindi..

c) Amavuriro akora izamu

Bibaho ko umuntu afatwa n'uburwayi butunguranye, haba mu masaha y'akazi cg ya nyumay'akazi. Iyo umuntu akeneye ubutabazi bwihutirwa nkuko twabivuze hari nimero uhamagariraho Imbangukiragutabara ariko mu gihe wiyanyane ni ngombwa ku menya ko :

-Kuribitaro hariserviced'urgence(Oddzial Ratunkowy)

-Ku mavuriro amwe namwe ya NFZ yaho umuntu atuye bagira ubuvuzi bw'izamu bukora buri munsu ndetse no ku minsi mikuru guhera saa kumi n'ebyiri za nimugoroba kugeza za mbili za mu gitondo(nocna i świąteczna opieka zdrowotna)

-Amwe mu mavuriri yigenga afite ubuvuzi bukora amasaha 24, kuri adress runaka, icyo gihe ushobora kujyayo nta na rendez vous ufite bakakwakira. Urugero :

1.LUX MED 24h. Muri Warsaw ni Ul. 1 Sierpnia 8. Ahandi naho bareba kuri murandasi aho iri 24h.

2.MEDICOVER 24h. Muri Warsaw ni Al. Rzeczypospolitej 5. Ahandi naho bareba kuri murandasi aho iri 24h.

6. NI GUTE NATUNGA IKINYABIZIGA:

Waba urambiwe no gutega Bus cyangwa Tram cyangwa urifuza gukora ubushabitsi ariko wifashishije imodoka, ushobora kuyigura kuri murandasi (internet), ku muntu ku giti cye cyangwa kuri kompani zigurisha ariko hari ibintu byingenzi ukeneye kumenya mu maguru mashya, urugero ukeneye kugura imodoka ifite ikarita iyiranga yingendo

yakoze (vehicle history card), icyangombwa cy'iyandika (registration document), icyangombwa cy'ubwishingizi, (insurance policy) infunguzo zayo (car keys) nibura ebyiri Ikitonderwa ukimara kugura imodoka nshya ugomba kuyandikisha mu gihe kitarenze iminsi 30 kandi nyirayo cg aho uyiguze bakaguha imyirondoro y'abantu bayitunze nibura babiri mbere yawe. Bigakorera ku biro bibishizwe (*powiat* office or local council)

1. IBINDI UKENEYE KUMENYA

→ **Akazi:** Kuba muri Poland birashoboka ko wahaba wiga ndetse unakora utuzi dutandunye aho bigusaba gushakisha amakuru kuburyo bushoboka burya aho kugirango ubeho udakora kandi uri muzima wakora akazi ubonye bwa mbere ibi bizagufasha kubona akandi wifuza twagerageje kubashakira ahantu 10 ushobora gushakira akazi kandi uka kabona byihuse (Top 10 Sites for your career)

- Linkedin, -Indeed, -Naukri,
- Monster, -JobBait, -Careercloud,
- Dice, -CareerBuilder,
- Jibberjobber, -Glassdoor

→ **Ubumenyi bukeneye ku isoko ry'umurimo (10 Tech Skills in demand):** uramutse ufite ubumenyi mu ikoranabuhanga burunganiye cyangwa ushobora ku kubona mu buryo bwawe ubwari bwo bwose ntabwo uzagorwa no kubona kazi muri Poland twagerageje kwegeranya bumwe muri bwo tunashishikariza buri wese gushaka uko yabugira,

- Machine Learning, -Mobile Development, -SEO/SEM Marketing, -Data Visualization,
- Data Engineering, -UI/UX Design, -Cyber-security, -Cloud Computing/AWS, -Blockchain, -IOT

→ **Amasomo y'ya kure ku buntu (Sites for Free Online courses):**

Mugihe uri muri Poland ntabwo ukwiriye kugorwa no kubona amasomo y'ingirakamaro kandi ku buntu aho ushobora kuyarangiza ugahabwa impamyabumenyi (Certificate) ushobora kwifashisha ushaka akazi gatandukanye, hano twabashakiye ahantu ushobora kwiga aya masomo mu buryo bw'ya kure kandi kubuntu cg wakwishyura ku giciro gito cyane.

- Coursera, -edX, -Khan Academy,
- Udemy, -iTunesU Free Courses,
- MIT OpenCourseWare, -Stanford Online, -Codecademy, -ict iitk,
- NPTEL

→ **Sites to review your resume for free;** Mubisanzwe umuntu wese ufite impamyabumenyi ya A2 aba ashobora kubona akazi gatandukanye mu bigo bitandukanye ibyo tubifashwamo nuko twateguye neza CV zacu mugihe ugiye kuva mu rwanda cyangwa warageze muri Poland hari uburyo bwishyirakuraho wakoresha utiriwe usaba umuntu kugukorera CV twabegeranyirije imbuga 10 za mbere zagufasha gukora CV yawe kandi mu buryo bwa kinyamwuga.

- Zety Resume Builder, -Resumonk,
- Resume dot com, -VisualCV,
- Cvmaker, -ResumUP, -Resume Genius, -Resumebuilder, -Resume Baking, -Enhancy

→ **Sites for Interview Preparation;** Ukimara kubona uko utegura impapuro zisaba akazi ushobora kugira ikibazo cy'uko wakwitegura gusaba akazi hano twagufasha kubona ahantu nibura icumi ushobora kwitegurira kuba waba intyozza mu bizamini by'akazi ako ariko kose kuburyo wagorwa no guhitamo aho ujya gukora gusa.

- Ambitionbox, -AceTheInterview,
- Geeksforgeeks, -Leetcode,
- Gainlo, -Careercup, -Codercareer,
- InterviewUp, -InterviewBest,
- Indiabix

Prepared by Joseph UWAGABA Caleb

*Commissioner in Charge of Skills
Innovation and Knowledge Transfer.
RCA_Poland (2021-2023)*

References:

1. <https://eures.praca.gov.pl/en/looking-for-a-job-in-eu/you-are-an-eu-or-efta-citizen/living-and-working-in-poland>
2. <https://www.wroclaw.pl/en/pesel-personal-id-number>
3. <https://www.careersinpoland.com/article/arrival-and-stay/how-to-become-a-temporary-resident-in-poland>
4. <https://www.careersinpoland.com/article/arrival-and-stay/buying-a-car-in-poland>
5. <https://www.oddurbanthings.com/free-polish-courses-in-warsaw/>